KING FAISAL HOSPITAL RWANDA

Patient-Centered Care

# KING FAISAL HOSPITAL RWANDA

OFFICE OF THE DEPUTY CHIEF EXECUTIVE OFFICER

**ITANGAZO RYO KUGURISHA MU CYAMUNARA.**

Ibitaro Byitiriwe Umwami Faisal /King Faisal Hospital, Rwanda (**KFHR**) biramenyesha abantu bose babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko hateganyijwe Icyamunara cy'ibikoresho byakoreshejwe bitandukanye nk'uko mubisanga ku mugereka; Ibyo bikoresho bikubiye mu byiciro cumi na birindwi (17 lots);

Gusura ibyo bikoresho aho biherereye mu bitaro byitiriwe Umwami Faisal mu Rwanda (**KFHR)** biteganijwe kuva tariki ya **22 Mutarama2026** kugeza tariki ya **04 Gashyantare 2026** mu masaha y'akazi kuva saa tatu (**9:00 am**) kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba **(5:00 pm**). Icyamunara kikazaba tariki ya **05 Gashyantare 2026**. Kuva saa munani **(2:00 pm)** kugeza saa cyenda (**3:00 pm )** zuzuye kuri uwo munsi.

Uwifuza gupiganwa mu cyamunara arasabwa kubanza gutanga cheque certifié ingana n'amafaranga y'u Rwanda **Ibihumbi mirongo itanu (Frw 50,000)** kuri buri lot ashaka gupiganiraho. sheki (cheque certifié) igomba kuba yanditseho **KING FAISAL HOSPITAL RWANDA (KFHR)** ikazashyikirizwa ubuyobozi bw'ishami rishinzwe gutanga amasoko muri **King Faisal Hospital Rwanda (KFHR)** mbere y'uko cyamunara itangira mbereho amasaha abiri (**2hrs)**.

Ibindi bigomba kubahirizwa n'ibi bikurikira:

:

- Utazatanga iyo cheque certifié ifite agaciro kavuzwe haruguru ntiyemerewe kujya mu ipiganwa;
- Amafaranga ari kuri cheque certifié niyo uwegukanye lot aheraho yishyura niba afite igiciro kiri hejuru mu bagipiganwe;
- Abemerewe gupiganira ibikoresho n'abazaba bagaragara mu gitabo cy;isurisha;usura agomba kugaragaza lot azatangaho ibiciro
- Udatwaye Lot yatsindiye ntasubizwa cheque certifié yatanze.
- Icyo gihe ukurikiyeho mu kugira igiciro kiri hejuru niwe wegukana icyapiganiwe nawe akarebwa n'ibikubiye muri iri tangazo.
- Uzaba yatsinze mu cyamunara azishyura amafaranga yose mugihe kitarenze amasaha 24 uhereye igihe yamenyesherejwe ko ariwe watsinze, cyangwa akishyura 30% y'igiciro cyose akimara kumenyeshwa ko ariwe watsindiye lot runaka, asigaye akayishyura mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi, atabyubahiriza, ibyo yakoze mbere byose bikaba impfabusa kandi 30% azaba yatanze ntazayasubizwa.
- Amafaranga y'icyaguzwe yishyurwa kuri konti ifite nimero **6775021405** ifunguye muri **ECOBANK** mu mazina ya **KING FAISAL HOSPITAL,RWANDA (KFHR);**

Uwishyuye amafaranga yose asabwa kwihutira gutwara ibyo yaguze bitarenze iminsi itatu (3) amaze kwishyura, utazabyubahiriza azajya yishyura rimwe n'igice ku ijana (1.5 %) y'igiciro cy'ikiguzi cy'iyo lot

KG 544 Street 10, Gasabo District, Kacyiru • P.O BOX 2534 Kigali, Rwanda.
**Toll-free:** 3939 • +250 788 123 200 (International) • **Email:** info@kfhkigali.com • **Website:** www.kfh.rw

buri munsi w'ubukererwe. Iyo ubukererwe bugeze kuri 50% by'ikiguzi, uwaguze atakaza uburenganzira kuri iyo Lot, kandi 30% yishyuye mbere ntasubizwa.

Turamenyesha abapiganwa ko amabwiriza yandi ajyanye n'ipiganwa bazamenyeshwa ku munsi ny'ir'izina w'ipiganwa.

**Icyitonderwa**; Igiciro cyizakenerwa cyose kugirango uwatsindiye lot ayitware ayikura aho yayimurikiwe mugihe cy'isura, bizishyurwa n'uwatsindiye iyo lot.

Bikorewe i Kigali, kuwa **20 Mutarama 2026**

KING FAISAL HOSPITAL RWANDA

**Frederic NGIRABACU**
**Umuyobozi Mukuru Wungirije / KFH R**

KING FAISAL HOSPITAL RWANDA
Patient-Centered Care

# KING FAISAL HOSPITAL RWANDA

## OFFICE OF THE DEPUTY CHIEF EXECUTIVE OFFICER

**URUTONDE RW'IBIKORESHO BISHAJE BIZAGURISHWA MU CYAMUNARA**

| Lot No | ITEM DESCRIPTION | ESTMATED NUMBER |
|---|---|---|
| 1 | Cupboards | 70 |
| 2 | Hospital beds | 30 |
| 3 | Office chairs | 66 |
| 4 | Wheelchairs | 21 |
| 5 | Tables | 50 |
| 6 | Metal shelves | 3 |
| 7 | Wooden doors | 66 |
| 8 | Medial trolleys | 40 |
| 9 | Metallic chairs | 11 |
| 10 | Sofa seats | 6 |
| 11 | Aluminum doors and windows | 66 |
| 12 | Metallic scraps | 60 |
| 13 | Iron sheets | 50 |
| 14 | Wooden scraps | - |
| 15 | Toilets and kitchen scraps | - |
| 16 | Plastics tanks | 2 |
| 17 | Metallic tank | 1 |

KG 544 Street 10, Gasabo District, Kacyiru • P.O BOX 2534 Kigali, Rwanda.
**Toll-free:** 3939 • +250 788 123 200 (International) • **Email:** info@kfhkigali.com • **Website:** www.kfh.rw